Incamake

y’itegeko rigenga uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rugenda ruzamurwa mu byiciro (GDL) muri leta ya New York



Igitabo kiyobora umubyeyi

Leta ya New York

Intara zose uretse
New York City na Long Island

IKITONDERWA: iki gitabo gitanga incamake ya GDL. Ku yandi makuru arambuye, ababyeyi bashobora gusura urubuga rwa interineti rwa DMV kuri DMV.ny.gov.

Mbere y'uko umwana wawe w'ingimbi yishora ku kinyabiziga, hari ibintu bike wowe na we mugomba kumenya.

Amakuru mabi: abana b'ingimbi baba bafite ibyago byinshi byo gukora impanuka kubera kutagira uburambe.

Abashoferi bakiri bato bagaragara mu mpanuka nyinshi ugereranyije n'abakuru. Ikindi ni uko impanuka zikozwe n'abana b'ingimbi zikunze kuba zikomeye cyane. Umwaka wa mbere wo gutwara utari kumwe n'umuntu ukugenzuye ni wo mubi cyane kubera kutagira uburambe.

Amakuru meza: Amategeko agenga uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rugenda ruzamurwa mu byiciro akiza ubuzima bwa benshi.

Impanuka zishobora kwirindwa. Itegeko rigenga uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rugenda ruzamurwa mu byiciro (GDL) muri leta ya New York (NYS) ryashyizweho mu rwego rwo kwirinda impanuka bafasha abana b'ingimbi kugenda bagira ubumenyi mu mutekano no kugira uburambe bwo gutwara ibinyabiziga. Ukeneye gihamya?

> **Itegeko GDL rya NYS rishinzwe kugabanya impanuka zikorwa n'abashoferi bari mu myaka 16 na 17 kuri 80%. Ikintu cyose kibuzwa n'iri tegeko gifite impamvu (umubare runaka w'abagenzi, amasaha ntarengwa n'ibindi.)**
>
> **Ubushakashatsi bwerekana ko izi ngamba zikora neza.**

Wakora iki kugira ngo wizere umutekano w'umwana wawe w'ingimbi utwara?

Iyo umwana wawe w'ingimbi yicaye mu mwanya wa shoferi, wowe uba urenze kwitwa umugenzi gusa. Ufite uruhare rwa #1 mu kumuyobora. Koresha iki gitabo kugira ngo umenyere iri tegeko maze ubashe gufasha umwana wawe ukiri muto utwara kurangiza intambwe zisabwa mu muhanda no mu buyobozi kugira ngo azabone uruhushya rwuzuye!



Iki gitabo gisobanura ibintu bibujijwe muri GDL ku bafite uruhushya rwo gutwara rw'umwana agenzuwe cyangwa atagenzuwe muri NY (intara zose uretse New York City na Long Island).

Ibibujijwe biterwa n'aho umwana utwaye ari, ntibiterwa n'aho atuye.

Ibyiciro byo kubona uruhushya

Hari ibyiciro bitatu by'uruhushya rwo gutwara ku bashoferi bakiri bato:

1 Uruhushya rwo gutwara rw'umwana agenzuwe/ Uruhushya rwo gutwara ipikipiki rw'umwana agenzuwe

- Imyaka mike ni 16.
- Ni ngombwa gutsinda ikizami cyanditse.
- Ni ngombwa kugenzurwa n'umubyeyi igihe atwaye.
- Reba andi makuru ku rupapuro rwa 3.

2 Uruhushya rwuzuye rw'umwana/ Uruhushya rwo gutwara ipikipiki rwuzuye rw'umwana (rufite imipaka)

- Rwemerera nyirarwo gutwara atagenzuwe ariko ntagomba kurenza amasaha runaka n'abagenzi runaka.
- Reba andi makuru ku rupapuro rwa 5.

3 Uruhushya rwo gutwara rwuzuye/ Uruhushya rwo gutwara ipikipiki rwuzuye

- Imyaka mike ni 18 cyangwa 17 ku warangije amasomo y'ubushoferi.
- Uru ni uruhushya rwuzuye (ibibujijwe muri GDL ntibirureba).
- Reba andi makuru ku rupapuro rwa 9.

Kunyura muri ibi byiciro byose uko ari bitatu bifasha umwana wawe w'ingimbi kubona igihe n'uburambe bikenewe kugira ngo abe umushoferi wizewe.

Wibuke ko: uzi neza umwana wawe kurusha abandi bantu bose. Ibintu bibujijwe bisobanuye muri iki gitabo ni amategeko make yo gutwara mu mutekano umwana wawe w'ingimbi agomba gukurikiza. Ushobora guhitamo kugira ibindi umubuza niba ubona atiteguye izindi nshingano zijyanye no gutwara.

ICYICIRO CYA 1: URUHUSHYA RWO GUTWARA RW'UMWANA AGENZUWE

Iki ni icyiciro cyo kwiga. Gifasha abashoferi bakiri bato kumenya ibintu by'ibanze byo gukoresha ikinyabiziga gikoresha moteri binyuze mu gutwara bafite ibyo babujijwe.

Kugira ngo umwana wawe asabe uruhushya rwo gutwara rw'abana, agomba:

- Kuba afite nibura imyaka 16.
- Kuba afite icyangombwa kimuranga (nk'uruhushya rw'abajya mu mahanga, ikarita y'ubwiteganyirize) no kucyitwaza agiye mu kizami.
- Kwiga ibiri mu gitabo kiyobora umushoferi muri leta ya New York (kopi ziri ku mpapuro wazisanga ku biro bikwegereye bya DMV naho kopi yo kuri interineti wayisanga kuri http://dmv.ny.gov/driver-license/drivers-manual-practice-tests).
- Kuzuza ifishi isaba (DMV form MV-44).
- Gutsinda ikizami cyanditse no gukoresha ikizami cy'amaso.

Ukeneye ibindi bisobanuro bijyanye no kubona uruhushya rwo gutwara rw'umwana agenzuwe, gukora ikizami, amafishi n'amafaranga asabwa, wasura imbuga za interineti za DMV ya NYS kuri:

http://dmv.ny.gov/driver-license/get-learner-permit

Tegurira umwana wawe w'ingimbi intsinzi!

Mbere y'uko umwana wawe ajya mu muhanda, icarana nawe maze mugirane amasezerano yo gutwara ibinyabiziga kugira ngo mushyireho imyitwarire yo gutwara mu mutekano, amategeko n'ibihano bijyanye no kuyica. Ukeneye ingero z'amasezerano, wasura:

www.safeny.ny.gov/SRO-Toolkit/contract.html



Ubu rero imyitozo yo gutwara iratangiye!

Ikintu kimwe rukumbi gikomeye cyane mu kubaka umushoferi wizewe ni imyitozo. Mbere yo gukora ikizami cyo mu muhanda, umwana wawe agomba kurangiza **nibura** amasaha 50 yo gutwara agenzuwe n'umubyeyi we ubyemerewe, amasaha 15 muri ayo akaba agomba gukorwa izuba ryarenze. Koresha ifishi y'imyitozo yo gutwara kugira ngo wandike umubare wose w'amasaha atwaye muri kumwe. Ushobora no kwandika ubumenyi yitoje, ubwo yamenye neza n'ubushya bugomba gukorwaho. Ifishi wayisanga ku rupapuro rwa 25 rw'igitabo cy'amabwiriza agenga abashoferi b'ingimbi muri NYS kuri: http://www.nxtbook.com/nxtbooks/nysdmv/teenresourceguide/#/30



Ibibujijwe ku ruhushya rwo gutwara rw'umwana agenzuwe
Muri leta ya New York

Igikorwa cyemewe = ✓ Igikorwa kitemewe = X

	Amanywa 5am-9pm	Ijoro 9pm-5am
Umwana ufite uruhushya rwo gutwara agenzuwe ashobora gutwara ari kumwe n'umuntu umugenzuye gusa	✓ Agomba kuba agenzuwe n'umuntu ufite nibura imyaka 21, ufite uruhushya rwo gutwara muri NYS.	✓ **Agomba kuba agenzuwe n'umuntu ufite nibura imyaka 21, ufite uruhushya rwo gutwara muri NYS, akaba ari umubyeyi, umurezi, umwarimu/ umwarimu w'ishuri mu bijyanye no gutwara ibinyabiziga cyangwa umuntu wagenwe *in loco parentis*[1]**

- Nta muntu ugomba kwicara mu ntebe y'imbere uretse umushoferi ugenzuye.
- **Ari kumwe n'umubyeyi/umurezi nk'umushoferi ugenzuye:** nta kibujijwe kijyanye n'umubare w'abagenzi ku ntebe y(z)'inyuma. **Niba umushoferi ugenzuye atari umubyeyi/umurezi (ku manywa gusa):** hemewe umugenzi umwe gusa uri munsi y'imyaka 21, keretse igihe abagenzi ari abo mu muryango wa hafi gusa.
- Buri mugenzi agomba kuba yambaye umukandara kandi umwana wese utwawe wese agomba gukoresha igikoresho kimurindira umutekano. Ku yandi makuru ajyanye n'itegeko rigenga ibibujijwe ku bari mu kinyabiziga muri NYS, sura www.safeny.ny.gov/sesa-ndx.htm.
- Kugira ngo abafite uruhushya rwo gutwara bagenzuwe batware muri NYC, ikinyabiziga gikoreshwa kigomba kuba gicungirwa ahantu habiri (feri ebyiri). Reba igitabo gisobanura GDL ya NYC ubone ibindi bibujijwe. Gutwara ntibyemewe mu mihanda ya Cross County, Hutchinson River, Saw Mill River cyangwa Taconic State, ku mihanda yose yo mu busitani muri NYC, ku mateme yose cyangwa imihanda yo mu butaka bigenzurwa na Tri-borough Bridge and Tunnel Authority.
- Uruhushya rwo gutwara ipikipiki rw'umwana agenzuwe: umushoferi umugenzuye agomba kuba afite uruhushya rwo gutwara rukora ku bwoko bw'ikinyabiziga umwana ari gukoresha, kandi agomba gukora igenzura muri rusange amuguma bugufi nko muri metero magana ane. Nta mugenzi yemerewe gutwara keretse uwo mugenzi abaye afite uruhushya rwo gutwara ipikipiki rwuzuye rukora.

Ibihano: amande ya $ 75 kugera ku $ 300 Igifungo: kitarengeje iminsi 15

in loco parentis[1] = umuntu wakoze inshingano z'umubyeyi, mu buryo buhoraho/bwagutse, akaba ari kureka izi nshingano, bishobora kuba byaratewe n'urupfu, ubumuga cyangwa umubyeyi bwite adahari.

Kugira ngo umwana wawe w'ingimbi agere mu cyiciro cya 2 (uruhushya rwuzuye rw'abana), agomba:

- Kuba amaze nibura amezi atandatu afite uruhushya rwo gutwara rw'umwana agenzuwe.
- Gukurikira amasomo ategura guhabwa uruhushya cyangwa amasomo y'abashoferi (aya akaba na none yitwa "5 hour course").
- Kuba yararangije amasaha 50 atwaye agenzuwe n'umubyeyi ubyemerewe, 15 muri yo akaba yarakozwe izuba ryarenze, mbere yo gukora ikizami cyo mu muhanda.

  (Ifishi y'imyitozo yo gutwara iboneka ku rupapuro rwa 25 rw'igitabo cy'amabwiriza agenga abashoferi b'ingimbi muri NYS kuri http://www.nxtbook.com/nxtbooks/nysdmv/teenresourceguide/#/30)
- Kuzuza MV-262 ya DMV Icyemezo cyo gutwara umuntu agenzuwe. http://dmv.ny.gov/forms/mv262.pdf
- Gusaba gahunda y'ikizami cyo mu muhanda no kugikora.

ICYICIRO CYA 2: URUHUSHYA RWO GUTWARA RWUZUYE RW'ABANA

Iki ni icyiciro cy'amahugurwa. Gifasha umushoferi ukiri muto gukora imyitozo no kunoza ibyo yize mu masomo y'icyiciro cya mbere cy'uruhushya rwo gutwara rw'umwana agenzuwe. Aha niho ibindi yemererwa bitangirira.

Ibyo abafite uruhushya rwo gutwara rwuzuye rw'abana babujijwe bisobanuye muri iki gitabo ni amategeko make yo gutwara mu mutekano umwana wawe w'ingimbi agomba gukurikiza. Ushobora guhitamo kugira ibindi umubuza niba ubona atiteguye izindi nshingano zijyanye no gutwara.



Ibibujijwe ku ruhushya rwo gutwara rwuzuye rw'abana
Muri New York

Igikorwa cyemewe = ✓ Igikorwa kitemewe = X

Abafite uruhushya rwo gutwara rwuzuye rw'abana bashobora gutwara batagenzuwe bagiye:	**Amanywa 5am-9pm**	**Ijoro 21h00-5h00, bajya/bava mu rugo nta handi banyuze:**	
Mu masomo ku ishuri[2]	✓	✓	Mu gikorwa cyemewe, umwana wawe agomba kuba afite icyangombwa kiriho umukono w'umwarimu cyangwa umukoresha.
Ku kazi	✓	✓	
Ibindi bikorwa byose birimo ibikorwa by'ishuri byo hanze y'amasomo, siporo n'ibikorwa mbonezamubano	✓	X	Umwana wawe **nta**shobora gutwara akora ingendo zijyanye n'akazi (kugemura n'ibindi).
			Ku bikorwa byose bibaye mu masaha y'ijoro, umwana wawe ashobora gutwara ari kumwe n'umushoferi umugenzuye [3]

- **Igihe hatari umushoferi umugenzuye [3]:** hemewe umugenzi umwe gusa uri munsi y'imyaka 21, keretse abagenzi ari abo mu muryango wa hafi. **Ari kumwe n'umushoferi umugenzuye[3]**: nta kibujijwe kijyanye n'umubare w'abagenzi.
- Umugenzi wese agomba kuba yambaye umukandara cyangwa aziritse neza mu ntebe y'abana.
- Uruhushya rwo gutwara ipikipiki rwuzuye rw'abana: umushoferi ugenzuye asabwa gusa gukora igenzura muri rusange igihe umunyeshuri ari gukoresha ipikipiki gusa. Nta mugenzi yemerewe keretse umugenzi abaye afite uruhushya rwo gutwara ipikipiki rwuzuye rukora.
- Gutwara muri NYC, hatitawe ku mpamvu, birabujijwe ku bafite uruhushya rwo gutwara rwuzuye rw'abana. Ikindi, ntibyemewe gutwara ku muhanda uwo ari wo wose wo mu busitani muri NYC, ku mateme no mu mihanda yo mu butaka bigenzurwa na Tri-borough Bridge and Tunnel Authority, mu mihanda ya Cross County, Hutchinson River, Saw Mill River cyangwa Taconic State.

Ibihano: amande ya $ 75 kugeza ku $ 300 Igifungo: iminsi itarenze 15

Mu masomo[2] = Inyigisho, uburezi cyangwa amahugurwa bifitiwe uruhushya cyangwa byemejwe n'ikigo cyangwa ishami runaka rya leta cyangwa amahugurwa akoreshejwe na U.S. Armed Forces (igisirikare cy'Amerika). Amagambo "mu masomo" NTAshyiramo ibikorwa by'ishuri byo hanze y'amasomo, siporo n'ibikorwa mbonezamubano bidatangirwa keredi.

Umushoferi ugenzuye[3] = umuntu utari munsi y'imyaka 21, ufite uruhushya rwo gutwara rwuzuye rwa NYS, akaba ari umubyeyi, umurezi, umwarimu/umwarimu w'ishuri mu bijyanye no gutwara ibinyabiziga cyangwa umuntu wagenwe *in loco parentis*.

Guhagarikwa no kwamburwa

Itegeko ribuza abashoferi bose gukoresha ibikoresho bya elegitoroniki igihe batwaye.

Ibihano:

Guhamwa n'icyaha bwa mbere cyo gukoresha telefoni cyangwa kohereza ubutumwa bituma habaho guhagarikirwa uruhushya rwo gutwara rw'umwana agenzuwe mu gihe cy'iminsi 120 no gutakaza amanota 5.

Guhamwa n'icyaha bwa kabiri hatarashira amezi atandatu umuntu asubijwe uruhushya rwo gutwara agenzuwe bituma habaho kwamburwa uruhushya mu gihe nibura cy'umwaka umwe n'amanota 5.

Itegeko rya NYS ryo kutihanganira icyaha, "Zero Tolerance Law", riteganya ko umushoferi uri munsi y'imyaka 21 adashobora gutwara byemewe n'amategeko iyo igipimo cy'ibisindisha mu maraso ye ari 0,02 (urwego rushobora kubaho hakoreshejwe amazi yoza mu kanwa cyangwa umuti w'inkorora).

Ibihano:

Guhagarikirwa uruhushya mu gihe cy'amezi atandatu 6, $ 125 yo kutubahiriza amategeko na $ 100 yo kurangiza ihagarikwa.

Icyaha cyose gikurikiyeho kigenda gikurura kwamburwa uruhushya rwo gutwara ugenzuwe mu gihe kitari munsi y'umwaka umwe cyangwa kugeza umwana agize imyaka 21 (ikirekire muri byo), na $ 125 yo kutubahiriza amategeko na $ 100 yo kongera gusaba uruhushya.



Bigenda bite iyo umwana akoze ibyaha birenze kimwe muri ibi bikurikira?

Uruhushya rwo gutwara rw'umwana wawe agenzuwe cyangwa atagenzuwe ruzahagarikwa iminsi 60 niba yarahamwe n'ibyaha bibiri byakozwe afite uru ruhushya rwo gutwara agenzuwe cyangwa atagenzuwe.

Uruhushya rwe ruzahagarikwa kandi iminsi 60 niba ahamwe n'icyaha kimwe "gikomeye cyo kwica amategeko y'umuhanda" (akenshi gitwara amanota atari munsi y'atatu), nk'umuvuduko mwinshi cyangwa kwandika ubutumwa atwaye. Nyuma y'igihe cy'ihagarikwa, niba umwana wawe utwara yongeye guhamwa n'icyaha gikomeye cyo kwica amategeko y'umuhanda cyangwa ibindi byaha bibiri hatarashira amezi atandatu, azamburwa uruhushya mu gihe cy'iminsi 60.

Niba uruhushya rw'umwana wawe ruhagaritswe, azashobora kongera gutwara igihe cy'ihagarikwa kirangiye. Niba umwana wawe yambuwe uruhushya, ubwo nyine aba arubuze burundu, agomba kuzongera gutangira agasaba uruhushya bundi bushya nyuma y'iminsi 60.

Kurikirana imitwarire y'umwana wawe w'ingimbi!

Iyandikishe muri porogaramu TEENS ya DMV ya NYS, uzajye uhabwa ubutumwa igihe ibikorwa bidasanzwe (tike, ibyaha byo kwica amategeko y'umuhanda, guhagarikirwa uruhushya n'impanuka runaka) bizaba byongewe muri dosiye yo gutwara y'umwana wawe.

http://dmv.ny.gov/dmv-records/monitor-my-teen-driver-teens

Ugenzura imfunguzo.



Nk'umubyeyi cyangwa umurezi wemeye ko umwana wawe w'ingimbi ahabwa uruhushya rwo gutwara agenzuwe cyangwa atagenzuwe, ufite uburenganzira rwo guhagarika uruhushya rwe rwo gutwara agenzuwe cyangwa atagenzuwe niba wumva yakabaye atemerewe gutwara.
Uzuza ifishi MV-1W (guhagarika uruhushya) ya DMV, uyohereze kuri DMV.

http://dmv.ny.gov/forms/mv1w.pdf

ICYICIRO CYA 3: URUHUSHYA RWO GUTWARA RWUZUYE

Umuntu wese ufite uruhushya rwo gutwara rwuzuye rw'abana azohererezwa uruhushya rwo gutwara rwuzuye, rutavugirwa ku iposita namara kuzuza imyaka 18. Uruhushya rwo gutwara rwuzuye ni kimwe n'uruhushya rw'abantu bakuru, rukaba rufasha umwana wawe gutwara ahantu hose muri NYS hatabayeho kubuzwa amasaha runaka cyangwa umubare runaka w'abagenzi.

Abana bakurikiye amasomo y'abashoferi:

Umwana wawe ashobora gusaba uruhushya rwo gutwara rwuzuye ku myaka 17 niba yarahawe impamyabumenyi y'umunyeshuri warangije (ifishi MV-285 ya DMV) amasomo y'abashoferi yemewe. Umwana wawe w'imyaka 17 utwara namara gutsinda ikizami cyo mu muhanda no gutanga ifishi MV-285 muri DMV, azahabwa uruhushya rwo gutwara rwuzuye. Niba umwana wawe atohereje ifishi MV-285, azakomeza gufatwa nk'ufite uruhushya rwo gutwara rwuzuye rw'abana, kandi azaba agomba gukomeza kubahiriza ibibuzwa na GDL.

Gutwara mu mutekano bisaba imyitozo

Kubona uruhushya rwo gutwara rwuzuye ntibivuze kurangiza kwiga gutwara. Kugira ngo umuntu amenye neza gutwara ibinyabiziga bimutwara imyaka myinshi. Abana b'ingimbi bashobora no kuba bazi abantu bo ku mashuri yabo cyangwa ku yandi mashuri bapfuye cyangwa bakomeretse cyane kubera impanuka. Uko byagenda kose ni bo bafite ibyago byinshi kurusha abandi bantu. Bashishikarize gukomeza kwiga no kwitoza imyitwarire yo gutwara mu mutekano.





INGINGO Z'INGENZI

URUHUSHYA RWO GUTWARA RW'UMWANA AGENZUWE

- Imyitozo, imyitozo, imyitozo.
- Ushobora gutwara gusa uri kumwe n'umushoferi ukugenzuye.
- Ugomba gutegereza nibura amezi atandatu mbere yo gukora ikizami cyo mu muhanda.
- Niba utwaye muri New York City, ikinyabiziga cyawe kigomba kuba gifite feri ebyiri.
- Ugomba gutsinda ikizami cyo mu muhanda kugira ngo uhabwe uruhushya rwo gutwara rwuzuye rw'abana.
- Reba amakuru arambuye ku rupapuro rwa 4.

URUHUSHYA RWO GUTWARA RWUZUYE RW'ABANA

- Birabujijwe gutwara hagati ya saa 21h00 na saa 5h00.
- Ushobora gutwara umugenzi umwe gusa uri munsi y'imyaka 21.
- Ntushobora gukoresha ibikoresho bya elegitoroniki igihe utwaye (bireba abashoferi bose).
- Ntushobora gutwara muri NYC.
- Reka amakuru arambuye ku rupapuro rwa 6.

Wibuke ko: Ibintu bibujijwe ku ruhushya rwo gutwara rw'umwana agenzuwe cyangwa atagenzuwe biterwa n'aho umushoferi atwaye, bidaterwa n'aho aba.





Niba hari ibibazo ufite kuri iki gitabo cyangwa ushaka gusaba kopi, wavugana na:

New York State Department of Health

Bureau of Occupational Health and Injury Prevention

Telefoni: (518) 402-7900

Imeyili: injury@health.ny.gov

Ukeneye ibindi bisobanuro ku itegeko rigenga uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rugenda ruzamurwa mu byiciro, wasura urubuga rwa interineti rwa New York State Department of Motor Vehicles:

www.dmv.ny.gov/youngerdriver

Byatewe inkunga na National Highway Traffic Safety Administration ku nkunga ya Traffic Safety Committee ya guverineri wa NYS.

NEW YORK STATE | Department of Health

8234 (Kinyarwanda)

5/19